Kanama 2025 ikinyarwanda

# Shikama ukomeze!

**Sangiza abandi iby'ukwizera kuguhora ku mutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: m.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Muri uyu mwaka mutagatifu, Papa Fransiskusi aduhamagararimo kuba intumwa z'ukwizera, Michael arabasangiza ibihe bikomeye by'ukwizera yanyuzemo mu buzima bwe:

„Niyemeje kumara umwaka wose ndi umukorerebushake mu kigo gito cyita ku bantu batandakunye babaye bakeneye ubufasha buri munsi. Nyuma yo kurangiza amashuri yisumbuye ndetse na kaminuza, kuri njye byari nk'indi si inyifunguriye ngiye kubamo.

Umwe mu barwayi bari aho, ukiri muto bigereranije mu myaka, yari yaragize ikizabo cy'umutima, bituma ibyo yari yaragezeho byose mu buzima bwe bisa n'ibirangiye. Ibyo byamuciye intege bikomeye, ku buryo niyumvishaga uburemere bw'inzira agomba gukora kugira ngo ashobore kwiga kwakira ubwo buzima bugoye. Kenshi yakoraga ibintu atatekerejeho ndetse n'umujinya mwinshi, ku buryo abantu benshi birindaga kumwegera.

Numvise akababaro ke ndetse nkajya ngerageza kenshi, mu gihe nabaga ndi mu kazi kumwihanganira. Buhoro buhoro haje kuvuka hagati yacu twembi icyizere, ku buryo ndetse yatangiye kujya ansangiza byinshi mu byari bimuremereye. Numvise neza ko: Iyi ni yo nkunga yanjye ikomeye nagombaga kumutera."

Twifatanye na Michael, muri kanama, dutekereze kuri iri jambo rigira riti: *Shikama ukomeze!*

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker

---

P.S.: Mutinyuke gusangiza abandi ubunararibonye bwanyu kuri **go4peace App**, mu gice cyitwa **„**Discover & write**"**.